<u>Ingingo ya 59</u> : Itangwa rya raporo n'ibyifuzo	<u>Article 59</u> : Submission of reports and recommendations	<u>Article 59</u> : Transmission des rapports et recommandations
<u>Ingingo ya 60</u> : Aho uburyozwe bugarukira	<u>Article 60</u> : Limitations on liability	<u>Article 60</u> : Limitations de la responsabilité
<u>UMUTWE WA XIV</u> : IBIHANO BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI	<u>CHAPTER XIV</u> : ADMINISTRATIVE SANCTIONS	<u>CHAPITRE XV</u> : SANCTIONS ADMINISTRATIVES
<u>Ingingo ya 61</u> : Ibihano bifatirwa abantu bafite ibyemezo byo gukora	<u>Article 61</u> : Sanctions applicable to licensed persons	<u>Article 61</u> : Sanctions applicables aux personnes agréées
<u>Ingingo ya 62</u> : Ibihano bifatirwa abagenzura mari	<u>Article 62</u> : Sanctions applicable to auditors	<u>Article 62</u> : Sanctions applicables aux auditeurs
<u>Ingingo ya 63</u> : Inzira zo kujurira	<u>Article 63</u> : Appeal	<u>Article 63</u> : Recours
<u>UMUTWE WA XV</u> : INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	<u>CHAPTER XV</u> : MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE XV</u> : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES
<u>Ingingo ya 64</u> : Ububasha bwo gushyiraho amabwiriza	<u>Article 65</u> : Powers to issue regulations	<u>Article 65</u> : Pouvoirs d'édicter des règlements
<u>Ingingo ya 65</u> : Ibigo by'ishoramari byariho mbere y'iri tegeko	<u>Article 65</u> : Collective investment schemes in operation before this Law	<u>Article 65</u> : Fonds d'investissement en opération avant la présente loi
<u>Ingingo ya 66</u> : Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	<u>Article 66</u> : Drafting, consideration and adoption of this law	<u>Article 66</u> : Initiation, examen et adoption de la présente loi
<u>Ingingo ya 67</u> : Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	<u>Article 67</u> : Repealing provision	<u>Article 67</u> : Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 68</u> : Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	<u>Article 68</u> : Commencement	<u>Article 68</u> : Entrée en vigueur

ITEGEKO N°40/11 RYO KUWA 20/09/2011 RIGENGA IBIGEGA BY'ISHORAMARI BY'ABISHYZEHAMWE MU RWANDA

LAW N°40/2011 OF 20/09/2011 REGULATING COLLECTIVE INVESTMENT SCHEMES IN RWANDA

LOI N°40/2011 DU 20/09/2011 PORTANT REGULATION DES FONDS D'INVESTISSEMENT COLLECTIFS AU RWANDA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République ;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENNEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo kuwa 04 Kanama 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108, iya 183 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n°007/2008 ryo kuwa 08/04/2008 rigena imitunganyirize y'imirimo y'amabanki;

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 04 August 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92,93, 94, 108, 183 and 201;

Pursuant to Law n° 007/2008 of 08/04/2008 concerning organization of Banking;

Pursuant to Law n° 40/2008 of 26/08/2008 establishing the microfinance activities;

LE PARLEMENT :

La Chambre des Députés, en sa séance du 04 août 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92,93, 94, 108, 183 et 201;

Vu la loi n° 007/2008 du 8/4/2008 portant organisation de l'activité bancaire ;

Vu la Loi n° 40/2008 du 26/08/2008 établissant les activités de microfinances ;

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

Ishingiyeye ku Itegeko n°40/2008 ryo kuwa 26/08/2008 rigenga imitunganyirize y'imirimu y'imari iciriritse;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 52/2008 ryo kuwa 10/09/2008 ryerekeye imitunganyirize y'imirimu y'ubwishingizi;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Ishingiyeye ku Itegeko n°01/2011 ryo kuwa 10/02/2011 rigenga Isoko ry'Imari n'Imigabane mu Rwanda;

Ishingiyeye ku Itegeko n° 11/2011 ryo kuwa 18/05/2011 rishyiraho Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane (CMA) rikanagena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere byacyo;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigamije:

- 1° gushyiraho uburyo bw'imicungire n'imikorere by'Ibigega by'Ishoramari by'Abishyizehamwe hagamijwe gutanga uburenganzira no kurengera abashoye imari bose muri ibyo bigega;

Pursuant to Law n° 52/2008 of 10/09/2008 governing the organization of insurance business;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n°01/2011 of 10/02/2011 regulating Capital Market in Rwanda;

Pursuant to Law n° 11/2011 of 18/05/2011 establishing the Capital Market Authority (CMA) and determining its mission, powers, organisation and functioning;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

The purpose of this Law is to:

- 1° provide a framework for the management and operation of Collective Investment Schemes in order to provide the rights of, and protection of, all shareholders investing in such schemes;
- 2° facilitate the development of efficient capital market by forming well-regulated collective

Vu la Loi n° 52/2008 du 10/09/2008 régissant l'organisation de l'activité d'assurance ;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour ;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du Marché des Capitaux au Rwanda ;

Vu la Loi n° 11/2011 du 18/05/2011 portant création de l'Office des Marchés de Capitaux (CMA) et déterminant sa mission, ses pouvoirs, son organisation et son fonctionnement ;

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

L'objet de la présente loi est de:

- 1° mettre en place un cadre de gestion et d'exploitation des Fonds d'Investissement Collectifs en vue d'assurer les droits et la protection de tous les actionnaires de ces fonds;
- 2° faciliter le développement du marché de capitaux efficace en créant des Fonds

2° guteza imbere isoko ry'imari n'imigabane rikora neza hashyirwaho ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe bigengwa n'amategeko bituma Abanyarwanda n'Abaturarwanda bashoramari imari bityo bagashishikarira kugira uruhare mu iterambere ry'ubukungu bw'Igihugu.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira afite ibi bisobanuro :

- 1° **“Abayobozi b'ibigega”**: abagize Inama y'Ubuyobozi y'isohiyete y'ikigega gishora imari, Umuyobozi Mukuru w'ikigega kigengwa n'amasezerano, cyangwa abahagarariye abashoramari b'ikigega cy'umugabane ku ishoramari;
- 2° **“agaciro”**: agaciro ikintu gifite ku isoko mu gihe cy'igenagaciro. Ku birebana n'umutungo w'ikigega washowe ariko hakaba nta soko rihari ryatuma agaciro k'uwu mutungo cyangwa ak'indi mitungo bitoroshye kukamenya, icyo gihe ijambo “agaciro” risobanura agaciro nyako kagenwa neza n'ikigega hakurikijwe amahame y'ibaruramari asanzwe yemewe;
- 3° **“agaciro nyako k'umutungo”**: agaciro k'umugabane w'ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe kangana n'umutungo wose w'ikigega ugabanyije umubare

investment schemes through which Rwandan citizens and residents may invest and therefore participate in the national economic development.

Article 2: Definitions of terms

In this Law, the following terms shall have the following meanings:

- 1° **“scheme governors”**: the Board of Directors of mutual fund company, Managing Director of contractual scheme or the investors' agents of the unit trust scheme;
- 2° **“value”**: market value at the time of the valuation. For scheme assets invested for which market quotations are not readily available, or for other assets that may not have a readily ascertainable market value, the term “value” means “fair value” as determined in good faith by the scheme in accordance with generally accepted accounting principles;
- 3° **“net asset value”**: the value of a collective investment scheme share shall be calculated by dividing the total assets of the scheme by the total number of shares on the market;
- 4° **“regulations”**: regulations made and issued by

d'investissement collectifs bien régulés par lesquelles les citoyens rwandais et les résidents peuvent investir et ainsi participer au développement économique du pays.

Article 2 : Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes ci-après ont les significations suivantes :

- 1° **«gestionnaires des Fonds»**: les membres du Conseil d'Administration de la société du Fonds commun d'investissement, le Directeur Général du Fonds contractuel et les représentants des investisseurs du Fonds à participation unitaire;
- 2° **« valeur »**: valeur du marché au moment de l'évaluation. Pour le patrimoine du Fonds investi ne pouvant pas être coté sur le marché ainsi que pour d'autres types de patrimoine ne pouvant pas avoir une valeur certaine sur le marché, le terme « valeur » signifie la «juste valeur», telle que déterminée de bonne foi par le Fonds en vertu des principes comptables généralement acceptés ;
- 3° **«valeur nette du patrimoine»**: la valeur de l'action du Fonds d'investissement collectif est calculée en divisant la valeur totale des actifs du Fonds par le nombre total des actions en circulation sur le marché ;
- 4° **« règlements »**: règlements élaborés et publiés

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

- w'imigabane yose y'ikigega iri ku isoko;
- 4° **“amabwiriza”**: amabwiriza yateguwe akanatangazwa n'Ikigo nk'uko biteganywa n'iri tegeko;
- 5° **“amabwiriza agenga ikigega”**: inyandiko zigaragaza ibisabwa zishobora kuba ziteye nk'inyandiko ihamagarira abashoramari kugura imigabane;
- 6° **“gusubiza imigabane”**: igurishwa ry'imigabane na nyirayo ku kigega cy'imigabane ihinduka ku mafaranga angana n'agaciro nyako ka buri mugabane ;
- 7° **“ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane”**: ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda cyangwa ku masoko y'imari n'imigabane yo mu mahanga byemewe n'Ikigo;
- 8° **“ikigega”**: ikigega cy'ishoramari ry'abishyizehamwe cyangwa ikigega icyo aricyo cyose, amasezerano, cyangwa ikigo gikusanya amafaranga avuye mu baturage cyangwa icyiciro cy'abaturage kugira ngo ashorwe mu nyungu za buri mushoramari uhagarariwe n'imigabane ye yashowe ;
- 9° **“ikigega gishingiye ku masezerano”**: ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe kigizwe n'umutungo wakusanyijwe cyashinzwe kandi gicungwa n'isosiye ishinzwe gucunga ikigega mu izina
- the Authority under this law;
- 5° **“scheme rules”**: the provisions of a scheme that may be in the form of prospectus;
- 6° **“redemption of shares”**: the sale of shares by the owner to an open-end scheme in exchange for money that is equivalent to its current net share value;
- 7° **“stocks”**: securities listed on any Rwandan capital market, or on any foreign capital markets approved by the Authority;
- 8° **“scheme”** : collective investment scheme or any scheme, arrangement or entity which collects and pools funds from the public or a section of the public for the purpose of investment in the interest of each investor represented by his/her proportional ownership in the pool;
- 9° **“contractual scheme”**: a collective investment scheme that is a pool of assets established and managed by a scheme management company on behalf of the scheme's investors, who invest by purchasing shares pursuant to contracts entered between each investor and the scheme management company or the scheme's Managing Director appointed by the scheme management
- par l'Office conformément à la présente ;
- 5° **« règles du Fonds »**: les dispositions du Fonds sous forme de prospectus ;
- 6° **« rachat des actions »**: la vente des actions par le propriétaire au Fonds à capital ouvert contre l'argent équivalent à la valeur nette de l'action;
- 7° **« titres cotés »**: titres cotés sur le marché des capitaux rwandais ou sur les marchés des capitaux étrangers approuvés par l'Office;
- 8° **« Fonds »**: Fonds d'investissement collectif ou tout fonds, accord ou entité qui collecte et rassemble les fonds du public ou d'une partie du public à des fins d'investissement dans l'intérêt de chaque investisseur représenté par ses actions dans le Fonds;
- 9° **« Fonds contractuel »**: un Fonds d'investissement collectif qui est un Fonds du patrimoine créé et géré par une société de gestion d'investissement pour le compte des actionnaires du Fonds, qui investissent en achetant des actions conformément aux contrats conclus entre chaque actionnaire et la société de gestion du Fonds ou le Directeur

ry'abanyamigabane bacyo, bashora imari babinyujije mu kugura imigabane bakoresheje amasezerano hagati ya buri munyamigabane n'isosiyete ishinzwe gucunga ikigega cyangwa Umuyobozi Mukuru w'ikigega washyizweho n'isosiyete icunga umutungo;

10° “ikigega cy'imigabane idahinduka”: ikigega gifite imigabane idashobora kongera kugurishwa hagati y'abanyamigabane ariko ikaba ishobora kugurwa no kugurishwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa irindi soko ryemewe n'Ikigo;

11° “ikigega cy'imigabane ihinduka”: ikigega kigurisha cyangwa cyemera gusubirana ibicuruzwa cyashyize ku isoko ry'imari n'imigabane. Imigabane y'ikigega cy'imigabane ihinduka igomba gusubizwa ikigega ku buryo buhoraho cyangwa mu gihe runaka ariko kitari muni y'iminsi mirongo itatu (30), cyangwa se ikindi gihe gito cyagenwe n'amabwiriza y'Ikigo;

12° “ikigega cy'umugabane ku ishoramari”: ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe gishingwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko kikayoborwa nk'ikigo kibitswamo umutungo, ugacungwa n'abahagarariye abashoramari cyangwa itsinda ryabo ku nyungu z'abashoramari b'ikigega. Inyungu ya buri mushoramari ku mutungo w'ikigega igaragarira mu migabane y'ishoramari;

company;

10° “closed-ended scheme”: a scheme where the securities are not redeemable among investors but may be purchased and sold on the capital market or other market approved by the Authority;

11° “open-ended scheme”: a scheme that offers for sale, or has outstanding redeemable securities of which it is the issuer. The shares of an open-ended scheme must be redeemable on an ongoing and continuous basis or periodically, but at least once every thirty (30) days, or as frequently as provided for in the Authority's regulations;

12° “Unit trust scheme”: a collective investment scheme established under this law and organized in the form of a trust in which the scheme's assets are held in trust by trustees or a board of trustees who manage the assets for the benefit of the scheme's investors. Each investor's interest in the scheme assets is represented by units.

13° “Authority” or “CMA”: the Capital Market Authority;

Général du Fonds nommé par la Société de gestion du Fonds ;

10° « Fonds à capital fixe »: un Fonds dont les actions ne sont pas des titres rachetables entre les investisseurs mais ses actions peuvent être achetées et vendues sur le marché de capitaux ou autre marché approuvé par l'Office ;

11° « Fonds à capital ouvert »: un Fonds qui offre pour vente des titres rachetables qu'il a émis. Les actions du Fonds à capital ouvert doivent être régulièrement ou périodiquement rachetables, à condition que cette périodicité ne soit pas en-dessous de trente (30) jours ou dans une durée plus courte fixée par les règlements émis par l'Office;

12° « Fonds d'investissement à participation unitaire »: un Fonds d'investissement collectif créé conformément à la présente loi et organisé sous forme d'un trust dans lequel le patrimoine du Fonds est tenu dans le fidéicomis par les fidéicommissaires ou un Conseil des fidéicommissaires qui gère ce patrimoine pour le bénéfice des investisseurs du Fonds. Chaque part de l'investisseur est représentée en termes d'unités ;

13° «Office, ou CMA»: l'Office des Marchés de Capitaux ;

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

13° “Ikigo” cyangwa “CMA”: Ikigo gishinzwe isoko ry'imari n'imigabane;

14° “Inama y'Ubuyobozi”: Inama y'Ubuyobozi ishinzwe imikorere n'imicungire y'ikigega cy'ishoramari ry'abishyizehamwe nk'uko bivugwa muri iri tegeko;

15° “inyandiko mvunjwafaranga za Leta”: inyandiko za Leta zifite agaciro k'amafaranga zishobora kuvunjwamo amafaranga kandi zishobora guhererekanywa. Izo nyandiko zishyirwaho na :

- a. Guverinoma y'u Rwanda cyangwa inzego zayo harimo ubuyobozi bw'ibanze cyangwa urwego ry'ubuyobozi bwite bwa Leta;
- b. umuntu ugenzurwa, urebererwa cyangwa wahawe uburenganzira na Guverinoma y'u Rwanda;
- c. Guverinoma y'ikindi gihugu icyo ari cyose cyangwa urwego rwayo, mu gihe izo nyandiko zemewe n'Ikigo;
- d. undi muntu wese ufite inyandiko ziherekanwa zemerwa n'Ikigo ;

16° “isosiyete ishinzwe gucunga ikigega”: isosiyete yashyizweho hakurikijwe itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi,

14° “Board of Directors” or “Board”: the Board of Directors responsible for the operation and management of the collective investment scheme as provided for in this Law;

15° “Government Securities”: transferable and convertible securities issued by the Government. Those securities are issued by :

- a. the Government of Rwanda or its institutions including a local authority or central government;
- b. a person controlled, supervised or authorized by the Government of Rwanda;
- c. the Government of any other country or institution thereof, if such securities are approved by the Authority;
- d. any other person having transferable securities approved by the Authority;

16° “scheme management company”: a company formed under the law relating to companies, licensed by the Authority in accordance with law for the purpose of promoting and operating contractual schemes and providing investment management and advisory services to schemes

14° « Conseil d'Administration, ou Conseil » : le Conseil d'Administration chargé du fonctionnement et de la gestion d'un Fonds d'investissement collectif tel que prévu par la présente loi ;

15°“Titres d'Etat”: les titres transférables et convertibles en monnaie émis par l'Etat. Ces titres sont émis par :

- a. l'Etat Rwandais ou ses institutions y compris l'autorité locale ou l'administration centrale;
- b. une personne contrôlée, supervisée ou autorisée par l'Etat Rwandais;
- c. tout autre Etat ou son institution, si ces titres sont approuvés par l'Office ;
- d. toute autre personne ayant des titres transférables approuvés par l'Office;

16° «société de gestion du Fonds»: une société constituée en vertu de la loi relative aux sociétés commerciales, agréée par l'Office dans le but de promouvoir et exploiter les Fonds contractuels, assurer la gestion d'investissement et fournir des services de

yemerewe n'Ikigo gukora hakurikijwe amategeko kugira ngo iteze imbere ibigega bishyirwaho hakurikijwe amasezerano kandi igacunga ishoramari ikanatanga serivisi z'ubujyanama kuri ibyo bigega ndetse no ku masosiyete yabishoyemo imari;

17° **“isosiyete nshoranamari”**: isosiyete yashinzwe hagamijwe gushora amafaranga mu bakora ubucuruzi buto n'ubuciriritse mu Rwanda ariko bigaragara ko bazagira urwunguko runini, ku buryo nibura mirongo inani ku ijana (80%) bigizwe n'amafaranga ashorwa mu migabane cyangwa mu rindi shoramari risa na ryo.

18° **“isosiyete y'ikigega gishora imari”**: ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe cyashyizweho n'uwagitangije nk'isosiyete igengwa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi cyangwa nka koperative igengwa n'itegeko rigenga amakoperative mu Rwanda gicungwa n'Inama y'Ubuyobozi mu izina ry'abashoramari buri wese akaba ari umunyamigabane muri iyo sosiyete, aho:

- a. umutungo w'ikigega ari uw'abanyamigabane ugacungwa n'isosiyete mu izina ryabo;
- b. imari yashowe ikaba igaragazwa n'imigabane iri muri iyo sosiyete;

and their investors

17° **“venture capital company”**: a company incorporated for purposes of providing risky capital to small and medium sized businesses in Rwanda with high growth potential, whereby not less than eighty percent (80%) of the funds consist of equity investment or similar investment;

18° **“mutual Fund company”**: a collective investment scheme established by a promoter as a company formed under companies law or a cooperative formed under the cooperatives law in Rwanda that is managed by a Board of Directors on behalf of its investors, each of whom is a shareholder in that company, whereby:

- a. the scheme assets belong to the investors and are managed by the company on behalf of those investors;
- b. the investment is represented by shares in that company;
- c. the scheme is an open-end scheme ;

conseil aux Fonds et à leurs investisseurs ;

17° **« société de capital risque »** : une société constituée en vue de fournir des capitaux à risque aux petites et moyennes entreprises au Rwanda qui présentent un grand potentiel de croissance élevé, à tel point que pas moins de quatre-vingts pour cent (80%) des fonds se composent d'investissement de capitaux ou d'investissement semblable ;

18° **« société de Fonds commun d'investissement »**: un Fonds d'investissement collectif créé par un promoteur comme une société constituée en vertu de la loi relative aux sociétés commerciales ou une coopérative constituée en vertu de la loi sur les coopératives, gérée par le Conseil d'Administration pour le compte de ses investisseurs, dans laquelle chacun est actionnaire et où :

- a. le patrimoine du Fonds appartient aux investisseurs et est géré par la société pour le compte de ces investisseurs;
- b. l'investissement est représenté par les actions dans cette société;
- c. le Fonds est à capital ouvert ;

- c. icyo kigega kigomba kuba ari icy' imigabane ihinduka ;
- 19° **“konti y’ubwiteganyirize y’izabukuru”**: konti umuntu azigamaho amafaranga, akanayashora agamije kuzayakoresha mu gihe cy’izabukuru.
- 20° **“uburyo bw’ibika n’icunga ry’ibicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane”**: uburyo bukoreshwa bwo kubika no kwandika ibicuruzwa ku isoko ry’imari n’imigabane hakoreshajwe uburyo bw’ikoranabuhanga bitabaye ngombwa gukoresha ibyemezo biri mu mpapuro;
- 21° **“ugize Inama y’Ubuyobozi”**: umuntu uri mu Nama y’Ubuyobozi bw’ikigega cy’ishoramari cyangwa mu Nama y’Ubuyobozi y’isosiyete ishinzwe gucunga ikigega;
- 22° **“uhagarariye abashoramari”**: umuntu washyizweho n’ikigega hakurikijwe amategeko yacyo, cyangwa washyizweho n’umushoramari w’ikigega hakurikijwe amategeko agenga ikigega cyangwa amabwiriza ateganywa n’iri tegeko, cyangwa uwahawe uburenganzira n’uwashoye imari cyangwa undi ufite inyungu mu kigega mu gihe uwashoye imari apfuye;
- 23° **“uhagarariye abashoramari washyizweho n’uwatangije ikigega”**: umuntu washyizweho n’uwatangije ikigega
- 19° **“personal retirement savings account”**: an account to which an individual may accumulate and invest capital for use in retirement;
- 20° **“securities Depository”**: an electronic system which permits or facilitates the immobilisation and dematerialisation of listed securities on capital market without resorting to the use of hard copy certificates;
- 21° **« Director »**: a person who is a member of the Board of Directors of an investment scheme or of the Board of Directors of a scheme management company;
- 22° **“Investors’ agent”**: a person designated by the scheme according to its rules, or by an investor of the scheme in accordance with scheme rules, or with regulations made under this Law, or a person to whom the investor gave the ownership or any other owner of the interest in the scheme when the investor dies;
- 23° **“trustee”**: a person appointed by a promoter to manage a unit trust scheme or as a member of its Board of Directors as defined in regulations issued by the Capital Market Authority;
- 19° **“compte d’épargne retraite personnel»**: un compte auquel un individu peut accumuler et investir son capital pour l’utilisation à la retraite ;
- 20° **« Dépositaire de titres »**: un système électronique qui permet et facilite l’immobilisation et la dématérialisation des titres cotés sur le marché des capitaux sans toutefois recourir à l’usage des certificats physiques ;
- 21° **« Administrateur »**: une personne qui est membre du Conseil d’Administration d’une société d’investissement ou d’une société de gestion du Fonds ;
- 22° **« représentant des investisseurs»**: une personne désignée par le Fonds conformément à ses règles ou par un investisseur du Fonds en vertu des règlements du Fonds, ou des règlements prévus par la présente loi, ou la personne l’investisseur accorde la propriété ou par toute autre propriétaire d’intérêt dans le Fonds en cas de décès de l’investisseur;
- 23° **« fidéicommissaire »**: une personne nommée par un promoteur pour gérer un Fonds d’investissement à participation unitaire ou pour être membre de son Conseil d’Administration tel que défini dans les règlements édictés par l’Office des Marchés

de Capitaux ;

- cy'umugabane mu ishoramari ngo agicunge cyangwa abe mu bagize Inama y'Ubuyobozi yacyo nk'uko bisobanurwa n'amabwiriza ashwirwaho n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane;
- 24° “umubitsi w'umutungo”:** umuntu ukorera ikigega akazi ko kubika umutungo kandi ubifitiye ububasha n'icyemezo cyo gukora nk'uko biteganywa n'itegeko;
- 25° “umugenzuramari”:** umubaruramari washyizweho nk'umugenzuramari wigenga kugira ngo agenre buri mwaka ikigega nk'uko amategeko abiteganywa;
- 26° “umuntu”:** umugore cyangwa umugabo ku giti cye n'undi wese ufite ubuzima gatozi wemerewe gukora ibikorwa by'ubucuruzi ku isoko ry'imari n'imigabane;
- 27° “umunyamwuga mu ishoramari”:** umuntu ushinzwe akanacunga ishoramari ry'umutungo w'ikigega ubishoboye kandi wemerewe n'Ikigo;
- 28° “umushoramari w'ikigega”:** umuntu wese washoye imari mu kigega agura imigabane cyangwa ibice fatizo muri icyo kigega;
- 29° “umutungo w'ikigega”:** umutungo w'ikigega uvugwa muri iri tegeko, ugizwe n'igiteranyo cy'imari yose yashoye n'abashoye imari mu kigega. Uwo mutungo utandukanywa n'umutungo w'abayobora ikigega kandi
- 24° “custodian”:** a person who performs custodial services for a scheme, who is qualified to so act and who is licensed under the law;
- 25° “auditor”:** an accountant appointed in the capacity of an independent external auditor to conduct the annual audit of the scheme as required by law;
- 26° “Person”:** any person and corporation licensed or approved to conduct business on the capital market;
- 27° “investment manager”:** the person responsible for the management and investment of the assets of a scheme and who is qualified and licensed by the Authority;
- 28° “scheme investor”:** any person who has invested in a scheme by purchasing shares or units of investment in the scheme;
- 29° “scheme assets”:** the pool of assets of a scheme referred to under this Law, which is formed by the aggregation of the investments of the scheme's investors. Such assets shall be segregated with that of the scheme governors and be held by a custodian;
- 30° “Managing Director”:** a person appointed by a
- 24° « dépositaire »:** une personne qui preste, pour un Fonds, des services de dépositaire, qui est qualifiée d'agir ainsi et qui est agréée en vertu de la loi ;
- 25° «auditeur»:** un comptable désigné en qualité d'auditeur externe indépendant, pour effectuer l'audit annuel du Fonds, tel que requis par la loi;
- 26° « personne »:** toute personne physique ou morale agréée pour mener les activités relatives au marché des capitaux ;
- 27° « gestionnaire d'investissement »:** personne chargée de la gestion et de l'investissement du patrimoine du Fonds et qui est qualifiée et agréée par l'Office ;
- 28 « investisseur du Fonds»:** toute personne qui a investi dans le Fonds par achat des actions ou unités d'investissements dans le Fonds;
- 29° « patrimoine du Fonds»:** ensemble des ressources du Fonds visées par la présente loi composées du total des investissements des investisseurs du Fonds. Ce patrimoine doit être séparé du patrimoine des gestionnaires du Fonds et est tenu par un dépositaire ;
- 30° « Directeur Général»:** personne nommée par

ucungwa n'umubitsi w'umutungo;

30° “Umuyobozi Mukuru”: umuntu washyizweho n'isosiyete ishinzwe gucunga ikigega ngo ayobore ikigega cyashyizweho hashingiwe ku masezerano;

31° “uwatangije ikigega”: umuntu cyangwa abantu cyangwa isosiyete icunga ibigega by'imari, utangiza, akayobora, agashyiraho ibikorwa by'ubucuruzi by'ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe;

Ingingo ya 3 : Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rigena ibisabwa biteganywa n'Ikigo kugira ngo ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe n'ibindi bigega, ibigo, amasezerano bisa na byo, bishyirweho kandi bikore. Rigena kandi uburyo Ikigo gishyiraho amabwiriza abigenga n'imikurikiranire yabyo.

Iri tegeko rireba abantu bese bashyiraho, bakora, bacunga, cyangwa batanga serivisi ku bigega by'ishoramari by'abishyizehamwe cyangwa batanga serivisi zifitanye isano n'ibyo bigega. Muri bo harimo, ababishinze, abagize Inama y'Ubuyobozi, Abayobozi Bakuru, abahagarariye abashoramari, abanyamwuga mu ishoramari n'ababitsi b'umutungo w'Ibigega by'abishyizehamwe ndetse n'undi muntu wese ukora ibikorwa bifitanye isano n'ishingwa, imikorere n'imicungire y'Ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe cyangwa Ibigega

scheme management company to manage a contractual scheme ;

31° “promoter”: a person or persons or the scheme management company, who initiates, organizes and establishes the business of a Collective investment scheme.

Article 3 : Scope of this law

This Law determines the terms and conditions set by the Authority for collective investment schemes, and similar schemes, entities or arrangements to be established and operated. It also provides for the modalities the Authority shall establish regulations on those schemes and their supervision.

This Law applies to all persons establishing, operating, managing or providing services to collective investment schemes, or in connection with those schemes. They include promoters, Directors, Managing Directors, Investors agents, investment Managers, Custodians, and any other person acting in connection with the promotion, operation and management of a scheme or collective investment schemes and scheme assets.

la société de gestion du Fonds pour gérer un Fonds contractuel ;

31° « promoteur »: une personne ou des personnes ou une société de gestion d'investissement qui initie, organise et met en place les activités commerciales du Fonds d'investissement collectif.

Article 3 : Champ d'application de la présente loi

La présente loi détermine les conditions fixées par l'Office selon lesquelles les Fonds d'investissement collectifs, autres Fonds similaires, entités ou accords doivent être créés et exploités. Elle prévoit également les modalités selon lesquelles l'Office édicte des règlements concernant ces Fonds et leur supervision.

La présente loi s'applique à toutes les personnes qui mettent en place, exploitent, gèrent ou prestent des services aux Fonds d'investissement collectifs, ou des services en relation avec ces Fonds. Ces personnes sont entre autres les promoteurs, les administrateurs, les directeurs généraux, les représentants des investisseurs, les gestionnaires d'investissement et les dépositaires ainsi que toute autre personne intervenant dans la mise en place, le fonctionnement et la gestion d'un Fonds ou des Fonds d'investissement collectifs ou du patrimoine du Fonds.

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

by'ishoramari by'abishyizehamwe n'umutungo wacyo.

Iri tegeko kandi riteganywa uburyo Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishyiraho amabwiriza agenga ibyo bigega, uburyo kibyemerera gukora n'uburyo kibikurikirana.

Iri tegeko ntirireba:

1° ibigega by'ubwiteganyirize bw'izabukuru bishyirwaho bikanagengwa hakurikijwe itegeko ribireba;

2° amasezerano y'ubwishingizi yakozwe n'amasesiyete y'ubwishingizi kandi agengwa n'itegeko rigenga ubwishingizi;

3° ibigega aho buri mushoramari ari:

a. ari umuryango ufite ubuzima gatozi uri mu itsinda rimwe n'uwatangije icyo kigega;

b. ari ufitanye isano na we, uwo bashakanye, umupfakazi we, umwana we, umukozi w'inyangamugayo, uwahoze ari umukozi w'ikigega, cyangwa ari abahagarariye abakozi b'ikigega.

Ingingo ya 4 : Ububasha bw'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane bwo kureberera ikigega

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gifite

This Law also provides for the modalities the Capital Market Authority shall establish regulations on those schemes, licensing and supervision of such schemes.

This Law shall not apply to:

1° pensions schemes established and regulated by the relevant law;

2° insurance contracts issued by insurance companies and regulated by the insurance law;

3° schemes in which each investor is:

a. a legal entity which is in the same group as the promoter of the scheme;

b. a relative, spouse, widow, widower, child, bona fide employee, former employee of the scheme or the scheme employees' representatives.

Article 4: Supervisory powers of the Capital Market Authority

The Capital Market Authority shall have full powers to exercise the supervisory functions over schemes as required under this law and regulations thereof.

La présente loi prévoit également les modalités selon lesquelles l'Office des Marchés de Capitaux édicte des règlements concernant ces Fonds, octroi de licence et les modalités de leur supervision.

La présente loi ne s'applique pas:

1° aux fonds de retraite créés et régis par la loi en la matière ;

2° aux contrats d'assurance élaborés par des sociétés d'assurance et régis par la loi sur les assurances;

3° aux Fonds dans lesquels chaque investisseur est:

a. une personne morale ayant la personnalité juridique et qui est dans le même groupe que le promoteur du Fonds ;

b. un membre de famille, conjoint, veuve ou veuf, enfant, employé de bonne foi, un ancien employé du Fonds ou les délégués des employés du Fonds.

Article 4 : Pouvoirs de supervision de l'Office des Marchés de Capitaux

L'Office des Marchés de Capitaux a des pleins pouvoirs de supervision des Fonds tel que prévus par la présente loi et les règlements y relatifs.

ububasha busesuye bwo kureberera ibigega by'ishoramari nk'uko bisabwa n'iri tegeko n'amabwiriza arebana na ryo.

UMUTWE WA II: KWEMERERA ABATANGIZA IBIGEKA GUKORA

Ingingo ya 5: Kwemerera abatangiza ibigega gukora

Usibye mu gihe yemerewe gukora iyo mirimo n'Ikigo cy'Isoko ry'Imari n'Imigabane afite n'icyemezo cyatanzwe n'icyo Kigo nk'uko iri tegeko ribiteganye, nta muntu:

- 1° utangiza, ushyiraho cyangwa ngo asabe iyandikishwa ry'ikigega, ucunga cyangwa uyobora ikigega cyangwa ngo yitware nk'uwatangije cyangwa uwandikishije ikigega cyangwa nk'ucunga cyangwa uyobora ikigega;
- 2° usaba cyangwa wamamaza ikigega muri rubanda cyangwa ku muntu uwo ari we wese;
- 3° ukusanya umutungo uvuye muri rubanda cyangwa uha imigabane umuntu uwo ari we wese hagamijwe ko bashora imari mu kigega;

Mu gihe ari ikigega cyangwa ibigega byatangijwe na Leta y'u Rwanda, nta cyemezo cy'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gikenerwa. Cyakora, ibiteganywa n'iri tegeko byose birakurikizwa ku bigega byose ishyiraho, keretse

CHAPTER II: LICENSING OF THE PROMOTERS OF SCHEMES

Article 5: Licensing of promoters of the schemes

Unless he/she is licensed or approved by the Capital Market Authority in accordance with this Law to undertake such activities, no person shall:

- 1° promote, establish, apply for the registration of, operate or manage a scheme, or hold him/herself out as having established or registered a scheme, or as operating or managing a scheme;
- 2° solicit or engage in the marketing of a scheme to the general public or any person;
- 3° collect assets from the general public or distribute shares to any person for the purpose of investing in a scheme;

The license referred to in the precedent paragraph is not required when the Government of Rwanda acts as a promoter of a scheme or schemes. However, all other provisions of this Law apply unless this Law provides otherwise.

CHAPITRE II: AGREMENT DES PROMOTEURS DES FONDS

Article 5 : Agrément des promoteurs des Fonds

Sauf avec l'autorisation et approbation d'exercer de telles activités par l'Office des Marchés de Capitaux conformément à la présente loi, personne ne doit :

- 1° initier, établir, formuler une demande d'enregistrement du Fonds, exploiter ou gérer un Fonds ou agir comme une personne ayant créé ou fait enregistrer un Fonds ou exploitant ou gérant un Fonds ;
- 2° solliciter ou faire du marketing du Fonds en visant le public en général ou toute autre personne ;
- 3° mobiliser les ressources provenant du public ou distribuer les actions à toute personne pour investir dans un Fonds ;

L'autorisation prévue dans l'alinéa précédent n'est pas requise lorsqu'il s'agit d'un Fonds ou des Fonds dont l'Etat Rwandais est promoteur. Toutefois, toutes les autres dispositions de la présente loi s'appliquent à moins que la présente loi en dispose autrement.

iyo iri tegeko ribiteganya ukundi.

Ingingo ya 6: Imiterere mu rwego rw'amategeko y'amasosiyete acunga ibigega cyangwa abandi batangiza ibigega

Isosiyete icunga ibigega n'undi muntu wese utangije ikigega agomba kuba ari isosiyete ihamagarira cyangwa idahamagarira rubanda kuguramo imigabane yashyizweho uko itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi ribiteganya cyangwa ari koperative yashinzwe uko itegeko rigenga amakoperative ribiteganya.

Ingingo ya 7: Uburyo bwo kwemerera amasosiyete acunga ibigega n'abandi batangiza ibigega gukora

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishyiraho uburyo bukurikizwa mu kwemerera gukora amasosiyete acunga ibigega n'abandi batangiza ibigega.

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora gushyiraho amafaranga yakwa mu gihe cy'inyandiko isaba, mu gihe cyo kwemererwa gukora ndetse n'amafaranga ya buri mwaka yo kuvugurura icyemezo cyo gukora cy'uwatangije ikigega.

Ingingo ya 8: Imari shingiro isabwa

Nta muntu wemerewe gutangiza ikigega cyangwa kwitwara nk'uwatangije keretse afite imari

Article 6: Legal form of schemes management companies or other promoters

A schemes management company and any other promoter shall be a public or private company established under the law relating to companies or a cooperative formed under the cooperatives Law.

Article 7: Procedure for licensing schemes management companies and other promoters of schemes

The Capital Market Authority shall establish a procedure for the licensing of schemes management companies and other promoters of schemes.

The Capital Market Authority may fix application fees, licensing fees, and annual fees for the renewal of the license of a promoter.

Article 8: Capital requirements

No person shall be allowed to set up a scheme or to act as a promoter unless he/she has a share capital or reserve funds whose amount is determined by the Capital Market Authority. The Capital Market Authority may make adjustments to these net worth

Article 6: Forme juridique des sociétés de gestion des Fonds ou autres promoteurs

Une société de gestion des Fonds et tout autre promoteur doit être une société publique ou privée formée en vertu de la loi relative aux sociétés commerciales, ou une coopérative créée en vertu de la loi sur les coopératives.

Article 7: Procédure d'agrément des sociétés de gestion des Fonds et autres promoteurs des Fonds

L'Office des Marchés de Capitaux établit une procédure pour l'agrément des sociétés de gestion des Fonds et autres promoteurs des Fonds.

L'Office des Marchés de Capitaux peut fixer les frais de demande, les frais d'agrément et les frais annuels pour le renouvellement de licence du promoteur.

Article 8: Exigences du capital

Nul ne peut être autorisé à créer un Fonds ou agir comme promoteur sans qu'il ait un capital social ou un fonds de réserve dont le montant est déterminé par l'Office des Marchés de Capitaux. L'Office des Marchés de Capitaux peut faire des ajustements à

shingiro bwite cyangwa amafaranga yazigamye angana n'agenwa n'amabwiriza y'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane. Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora kongera cyangwa kugabanya ayo mafaranga asabwa mu gihe bibaye ngombwa. Gishobora kandi kugira ibindi gisaba amasosiyete acunga ibigega bitandukanye n'iby'abandi batangije ibigega.

Imari shingiro y'uwatangije ikigega cyangwa ukuyobora icungwa kandi ishorwa n'uwagitangije cyangwa ukuyobora mu buryo butandukanye bw'ishoramari. Agomba kuba afite amafaranga ahagije buri gihe kandi umubitsi akayashyira kuri konti yihariye. Uwo mubitsi ntagomba kuba afitanye isano n'uwatangije ikigega.

UMUTWE WA III: ITANGIZWA N'IYANDIKISHWA RY'IBIGEGA

Ingingo ya 9: Ubwoko bw'ibigega n'imiterere yabyo mu rwego rw'amategeko

Ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe giterwa inkunga kandi kigashyirwaho n'uwagitangije. Gishobora kuba isosiyete y'ikigega gishora imari, ikigega gishingiye ku masezerano cyangwa ikigega cy'umugabane ku ishoramari.

Buri sosiyete y'ikigega gishora imari igomba kuba ari isosiyete yatangijwe hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amasosiyete y'ubucuruzi, cyangwa koperative yatangijwe hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga amakoperative.

capital requirements if necessary. It may establish different requirements for scheme management companies as compared to other promoters.

The initial capital of a promoter or scheme manager shall be managed and invested by the promoter or scheme manager in a diversified investment portfolio. The promoter or the scheme manager must have enough liquidity held in separate custodial account by custodian. The custodian must not be a relative to the promoter.

CHAPTER III: PROMOTION AND REGISTRATION OF SCHEMES

Article 9: Types and legal forms of schemes

A collective investment scheme is established and sponsored by the promoter. It may be a mutual fund company, contractual scheme, or unit trust scheme.

Every mutual fund company must be a company established in accordance with the Law on companies or a cooperative established in accordance with the Law on cooperatives. A mutual fund company must be an open-end scheme.

ces fonds propres requis au titre de capital si nécessaire. Il peut établir des exigences pour les sociétés de gestion des Fonds différentes de celles des autres promoteurs.

Le capital social d'un promoteur ou gestionnaire du Fonds doit être géré et investi par le promoteur ou gestionnaire du Fonds dans un portefeuille d'investissement diversifié. Le promoteur ou le gestionnaire du Fonds doit avoir des liquidités suffisantes que le dépositaire tient sur un compte séparé. Le dépositaire ne doit pas avoir un lieu de parenté avec le promoteur.

CHAPITRE III: INITIATION ET ENREGISTREMENT DES FONDS

Article 9 : Types et formes juridiques des Fonds

Un Fonds d'investissement collectif est mis en place et financé par le promoteur. Il peut être une société de Fonds commun d'investissement, un Fonds contractuel ou un Fonds d'investissement à participation unitaire.

Toute société de fonds commun d'investissement doit être initiée conformément à la loi relative aux sociétés commerciales ou une coopérative formée en vertu de la loi sur les coopératives. Une société de fonds commun d'investissement doit être un Fonds à capital ouvert.

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

Isosiyete y'ikigega gishora imari igomba kuba ari ikigega cy'imigabane ihinduka.

Ikigega cyose gishingiye ku masezerano kigomba gushyirwaho gusa n'isosiyete icunga ikigega. Ikigega kigengwa n'amasezerano gishobora kuba ari icy'imigabane ihinduka cyangwa idahinduka.

Ikigega cy'umugabane ku ishoramari gitangizwa hakurikijwe amabwiriza ashirwaho n'ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane cyangwa n'andi mategeko yose arebana na byo agaragaza ibisabwa ngo hatangizwe ikigega nk'icyo cy'ishoramari. Ayo mabwiriza n'amategeko biteganywa kandi inshingano z'uhasagarariye abanyamigabane cyangwa abagize Inama y'Ubuyobozi ndetse n'ibyo bahuriyeho n'abashoramari b'ikigega mu rwego rw'amategeko. Ikigega cy'umugabane ku ishoramari gishobora kuba ari icy'imigabane ihinduka cyangwa idahinduka.

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora kwemera ubundi bwoko bw'ibigega ndetse n'imiterere yabyo mu mategeko bitewe n'uko kibona buri kigega giteye, iyo isuzumwa ry'icyo kigega ritanga icyizere ko abashoramari bacyo cyangwa abandi bagifitemo uruhare imari yabo icunzwe neza kandi ko icyo kigega gifite intego idasanzwe itagerwaho n'ibigega by'ubwoko n'imiterere bivugwa muri iyi ngingo.

Ingingo ya 10: Inshingano yo kwandikisha ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe

Every contractual scheme must be established only by a scheme management company. A contractual scheme may be either an open-end or closed-end scheme.

Every unit trust scheme must be established in accordance with regulations issued by the Capital Market Authority or any other relevant legislation defining the requirements for establishing such a trust. The same regulations and legislation also provide for the obligations of investors agents or Directors, and the nature of the legal relationship between the latter and the investors. A unit trust scheme may be either an open-end or closed-end scheme.

The Capital Market Authority may permit other types and legal forms of schemes on a case-by-case basis if in its assessment, that scheme provides adequate safeguards for investors or participants in the scheme, and such scheme serves a unique purpose that may not be achieved by the schemes of the types and legal forms referred to under this Article.

Article 10: Obligation to register a collective investment scheme

Every collective investment scheme must be registered with the Capital Market Authority.

Tout Fonds contractuel ne peut être mis en place que par une société de gestion du Fonds. Un Fonds contractuel peut être soit un Fond à capital ouvert ou un Fonds à capital fixe.

Chaque Fonds d'investissement à participation unitaire est mis en place conformément aux règlements émis par l'Office des Marchés de Capitaux ou à toutes autres législations en la matière déterminant les conditions de mise en place d'un tel Fonds. Ces règlements et législations définissent aussi les obligations des représentants des investisseurs ou des Administrateurs et la nature de la relation juridique entre ces derniers et les investisseurs. Un Fonds d'investissement à participation unitaire peut être soit un Fonds à capital ouvert ou un Fonds à capital fixe.

L'Office des Marchés de Capitaux peut autoriser d'autres types et formes juridiques des Fonds selon le cas si, d'après son évaluation, ce Fonds prévoit une protection adéquate des investisseurs ou participants dans le Fonds et, si il a un objectif unique ne pouvant pas être atteint par les Fonds dont les types et les formes juridiques sont visés au présent article.

Article 10: Obligation de faire enregistrer un Fonds d'investissement collectif

Tout Fonds d'investissement collectif doit être enregistré par l'Office des Marchés de Capitaux.

Buri kigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe kigomba kwandikwa n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane.

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gitanga icyemezo cy'iyandikisha ry'ikigega mu gihe kimaze kubona ko ikigega cyujuje ibisabwa n'iri tegeko.

Uwatangije ikigega wemerewe hakurikijwe iri tegeko ni we gusa ushobora gusaba iyandikishwa ry'ikigega cyangwa ibigega.

Ingingo ya 11: Ibisabwa mu kwandikisha ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe

Si l'Office des Marchés de Capitaux refuse de retirer ou modifier les directives à la demande de l'opérateur du Fonds ou du représentant des investisseurs ou du dépositaire du Fonds, il doit signifier à cette personne une notification écrite de

abashoramari cyangwa umubitsi w'umutungo, kigomba kumushyikiriza inyandiko imumenyesha impamvu ubusabe bwe butemewe.

Inyandiko itanga amabwiriza cyangwa iyahindura bidasabwe n'uhagarariye abashoramari cyangwa umubitsi w'umutungo cyangwa ucunga ikigega bireba n'inyandiko yanga gukuraho cyangwa guhindura amabwiriza bisabwe n'uwo muntu bireba zigomba kwerekana impamvu amabwiriza yatanzwe cyangwa yahinduwe.

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora kumenyekanisha amabwiriza cyatanze ndetse n'ivanwaho cyangwa ihindurwa ryayo. Igihe Ikigo kibona bikwiye, iryo tangazo rishobora kuba rifite inyandiko igaragaza impamvu amabwiriza yatanzwe, yavanyweho cyangwa yahinduwe.

Ingingo ya 25: Gusaba urukiko gukurikirana ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe

Igihe icyo aricyo cyose Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora gushyiraho amabwiriza arebana n'ikigega cyemerewe gukora.

Ikigo gishobora gusaba urukiko:

- 1° gukuraho uwo ari we wese ucunga ikigega cyangwa uhagarariye abashoramari cyangwa umubitsi w'umutungo agasimbuzwa undi wese urukiko rwagena;
- 2° ko ikigega cyaseswa igihe nta muntu

A notice issuing a directive, or modifying it without the request of the concerned investors agent or custodian or the scheme operator and the one refusing to withdraw or modify a directive on the request of such concerned person shall state the reason for which the directive was issued or modified.

Directive issued by the Capital Market Authority as well as the withdrawal or variation of such directive may be made public by the Authority's notice. Such notice. Reasons for which the directive was issued, withdrawn or modified may be put in the notice, if the Authority finds necessary.

Article 25: Applications to the court of law to monitor collective investment schemes

The Capital Market Authority may at any time issue a directive in relation to a licensed or approved scheme.

The Authority may apply to the court:

- 1° for removing any of the scheme operator or investors agent or custodian and replacing any of them with a person nominated by the court;
- 2° for winding up the scheme if it appears that there is no person satisfying the requirements.

refus.

Un avis donnant ou modifiant une directive sans la demande du représentant des investisseurs ou du dépositaire ou de l'opérateur concerné et celui refusant de retirer ou de modifier une directive sur la demande d'une telle personne concernée doivent indiquer la raison pour laquelle la directive a été donnée ou modifiée.

L'Office des Marchés de Capitaux peut rendre public par un avis une directive qu'elle émet, ainsi que le retrait et la modification de cette directive. Les raisons pour lesquelles la directive est donnée, retirée ou modifiée peuvent être mises dans cet avis, si l'Office le juge nécessaire.

Article 25: Demande judiciaire visant la surveillance des Fonds d'investissement collectifs

L'Office des Marchés de Capitaux peut à tout moment donner une directive en rapport avec un Fonds agréé ou autorisé.

L'Office peut adresser une requête à une juridiction:

- 1° pour une décision de retirer tout opérateur du Fonds ou représentant des investisseurs ou dépositaire et les remplacer par toute autre personne désignée par la juridiction;
- 2° pour procéder à la liquidation du Fonds en cas d'absence d'une personne qualifiée répondant aux conditions exigées.

wujuje ibisabwa uhari.

Ingingo ya 26: Ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe byo mu mahanga byemerewe

Ucunga ikigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe cyo mu mahanga cyemerewe agomba kugira ahantu akorerwa hazwi mu Rwanda aho umuntu wese ashobora kugenzura ibi bikurikira nta mafaranga asabwe:

- 1° inyandiko ishyiraho ikigega;
- 2° inyandiko iyo ariyo yose ihindura amategeko shingiro y'ikigega;
- 3° inyandiko ya nyuma igaragaza imiterere y'ikigega;
- 4° raporo ya nyuma ya buri mwaka w'icungamari ndetse n'iza buri mezi atandatu;
- 5° amakuru yerekeranye n'ibiciro by'ibice fatizo cyangwa imigabane y'ikigega;
- 6° igurishwa n'igururwa ry'ibice fatizo cyangwa imigabane ifitwe mu kigega;
- 7° iyishyurwa ry'inyungu ku migabane;
- 8° amakuru arambuye cyangwa kopi z'amatangazo yose yohererejwe abafite uruhare bose mu kigega;

Article 26: Approved foreign collective investment schemes

The scheme operator of an approved foreign collective investment scheme must have a known place of business in Rwanda where any person may, free of charge, inspect or obtain the following:

- 1° the instrument constituting the scheme;
- 2° any instrument amending the instrument constituting the scheme;
- 3° the most recent prospectus for the scheme;
- 4° the most recent annual report and accounts and most recent half yearly report and accounts;
- 5° information about prices of units or shares in the scheme;
- 6° purchase and redemption of units or shares in the scheme;
- 7° payment of dividends;
- 8° details or copies of any notices which have been sent to any participants in the scheme;
- 9° information as to how to complain.

Article 26: Fonds d'investissement collectifs étrangers agréés

L'opérateur d'un Fonds d'investissement collectif étranger agréé doit avoir au Rwanda un lieu d'exercice d'activités où toute personne peut, titre gratuitement, inspecter ou obtenir ce qui suit :

- 1° l'acte constitutif du Fonds ;
- 2° tout acte modifiant l'acte constitutif du Fonds ;
- 3° le prospectus le plus récent du Fonds ;
- 4° les plus récents rapport et comptes annuels et semestriels;
- 5° les informations sur le prix des unités ou actions dans le Fonds ;
- 6° l'achat et le rachat d'unités ou d'actions dans le Fonds ;
- 7° le paiement des dividendes;
- 8° les détails ou copies de tous avis qui ont été envoyés à tous les participants dans le Fonds ;
- 9° les informations sur les modalités de réclamation.

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

9° amakuru y'uburyo umuntu yakoresha mu kugaragaza ibitanzo.

Ucunga ikigega cyo mu mahanga cy'ishoramari cy'abishyizehamwe agomba kugira aho akorera mu Rwanda ari na ho Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kigomba kumushyikiriza amatangazo amureba.

Ucunga ikigega cyo mu mahanga cy'ishoramari cy'abishyizehamwe agomba kugaragaza ibi bikurikira:

- 1° ubwoko bw'uburenganzira butangwa n'ibice fatizo cyangwa imigabane ifitwe mu kigega ;
- 2° niba abantu batari abafite uruhare bashobora gutora mu nama z'abafite imigabane mu kigega n'abo aribo mu gihe byemewe;

Ucunga ikigega agomba buri gihe kugira aho akorera mu Rwanda aho buri wese ufite icyo yinubira ku gikorwa cyakozwe n'ikigega yageza ikirego cye ngo gishyikirizwe ucunga ikigega.

Aderesi y'aho ucunga ikigega akorera mu Rwanda igomba gushyirwa mu nyandiko ihamagarira rubanda gushora imari mu kigega kandi hagomba kuba ari ho ku cyicaro imirimo ye ikorerwa mu Rwanda.

Ucunga ikigega aha raporo ngarukagihe Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane zerekeye ibyakozwe, uko ibisabwa byubahirijwe nk'uko Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kibyifuzwa.

The scheme operator of an approved foreign collective investment scheme must maintain a known place of business in Rwanda where notices shall be served by the Capital Market Authority.

The scheme operator of an approved foreign collective investment scheme must state:

- 1° the nature of rights represented by units or shares in the scheme;
- 2° whether persons other than participants may vote at meetings of participants and if so, who those persons are.

The scheme operator must have a known place of business in Rwanda where any person who has a complaint to make about the operation of the scheme can submit it.

The address of the place of business in Rwanda must be stated in the scheme prospectus and must be the scheme operator's principal place of business in Rwanda.

The scheme operator shall submit periodic reports to the Capital Market Authority concerning business data and compliance with the requirements of the Capital Market Authority.

L'opérateur du Fonds d'investissement collectif étranger agréé doit maintenir au Rwanda un lieu d'exercice d'activités connu où les avis doivent lui être signifiés par l'Office des Marchés de Capitaux.

L'opérateur du Fonds d'investissement collectif étranger agréé doit indiquer:

- 1° la nature des droits représentés par des unités ou des actions dans le Fonds;
- 2° si les personnes autres que les participants peuvent voter aux assemblées des participants et, si oui qui sont ces personnes.

L'opérateur du Fonds doit avoir au Rwanda un lieu d'exercice d'activités connu où toute personne intéressée peut soumettre sa réclamation au sujet du fonctionnement du Fonds.

L'adresse du lieu d'exercice d'activités au Rwanda doit être indiquée dans le prospectus du Fonds et doit être le lieu principal d'activités du Fonds au Rwanda.

L'opérateur du Fonds doit remettre à l'Office des Marchés de Capitaux des rapports périodiques concernant les données commerciales et la conformité aux exigences de l'Office des Marchés de Capitaux.

Ucunga ikigega abika izo kopi z'inyandiko zihamagarira rubanda gushora imari mu kigega, raporo za buri mwaka n'iz'ibaruramari ndetse n'iza buri mezi atandatu uko Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kibisaba.

UMUTWE WA V: IMIYOBORERE N'IMICUNGIRE BY'IKIGEGA

Ingingo ya 27: Ishyirwaho ry'abagize inama y'ubuyobozi ndetse n'Abayobozi Bakuru b'Ibigega

Buri kigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe kigomba kugira imiyoborere yemewe n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane, nk'imwe mu ngingo y'ibisabwa igihe cy'iyandikishwa.

Buri kigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe gifite imiterere y'isosiyete y'ikigega gishora imari kigomba kugira Inama y'Ubuyobozi igizwe nibura n'abantu bari hagati ya batanu (5) na cumi n'umwe (11). Buri wese ugize Inama y'Ubuyobozi agomba kugaragara mu nyandiko isaba kwemerwa ishyikirizwa Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kandi agafatwa nk'uwashyizweho n'uwatangije Ikigega ku itariki cyatangiriyeho.

Buri kigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe gifite imiterere y'ikigega kigengwa n'amasezerano gishyirwaho kandi kigacungwa n'isosiyete ishinze gucunga ikigega, Inama y'Ubuyobozi yacyo ishyiraho abantu babifitiye

The scheme operator shall preserve copies of the scheme prospectus, the scheme annual reports and accounts and half yearly reports and accounts as required by the Capital Market Authority.

CHAPTER V: SCHEME GOVERNANCE AND MANAGEMENT

Article 27: Appointment of members of the Board of Directors and the Managing Directors of Schemes

Each collective investment scheme shall have a governance structure which is approved by the Capital Market Authority as one of the requirement of the registration.

Each collective investment scheme with a mutual Fund company structure shall have a Board of Directors composed of no less than five (5) and no more than eleven (11) Directors. Each Director shall be identified in the scheme's application for registration filed with the Capital Market Authority and shall be deemed appointed by the promoter of the scheme at the date of its establishment.

Each collective investment scheme with contractual scheme structure shall be established and operated by a Scheme management company. Its Board of Directors shall appoint qualified individuals to oversee the day-to-day operations, including the Managing Director, the Chief Financial Officer and compliance Officer of the scheme. The Capital Market

L'opérateur du Fonds garde les copies du prospectus du Fonds, des rapports et comptes annuels du Fonds ainsi que des rapports et comptes semestriels tel qu'exigés par l'Office des Marchés de Capitaux.

CHAPITRE V: GOUVERNANCE ET GESTION DU FONDS

Article 27: Nomination des membres du Conseil d'Administration et des Directeurs Généraux des Fonds

Chaque Fonds d'investissement collectif doit avoir une structure de gouvernance approuvée par l'Office des Marchés de Capitaux comme l'une des conditions d'enregistrement.

Chaque Fonds d'investissement collectif structuré de la façon d'une Société de Fonds Commun d'investissement doit avoir un Conseil d'Administration composé de cinq (5) à onze (11) Administrateurs. Chaque Administrateur doit être identifié dans la demande d'enregistrement du Fonds déposée auprès de l'Office des Marchés de Capitaux et, est réputé être nommé par le promoteur du Fonds à la date de la création de celui-ci.

Chaque Fonds d'investissement collectif structuré de la façon d'un Fonds contractuel doit être créé et exploité par une Société de Gestion du Fonds. Son Conseil d'Administration nomme des personnes qualifiées pour superviser les opérations quotidiennes, y compris le Directeur Général, le Directeur financier, et l'agent chargé de conformité

ubushobozi bo gukurikirana ibikorwa bya buri muni, harimo n'Umuyobozi Mukuru, Umukuru w'icungamari n'ukurikirana imikorere y'ikigega. Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kigaragaza mu mabwiriza inshingano z'abo bayobozi.

Buri kigega cy'ishoramari cy'abishyizehamwe gifite imiterere y'ikigega cy'umugabane mu ishoramari kigira uhagarariye abashoramari umwe cyangwa akanama kabo kagizwe n'abantu babifitiye ubushobozi ngo bacunge umutungo w'ikigega kandi bakurikirane ibikorwa byacyo bya buri muni.

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kigaragaza mu mabwiriza uburyo abahagariye abashoramari batorwa, ibisabwa ngo umuntu atorerwe uwo mwanya, ibigenderwaho n'ibisabwa abatorewe uwo mwanya, uburenganzira bafite ndetse n'inshingano z'abashoramari mu kigega cy'umugabane mu ishoramari ku birebana n'imiyoborere yacyo.

Ingingo ya 28: Ababujijwe kujya mu buyobozi no mu bikorwa by'ikigega

Umuntu wese wahombye yaba abarizwa mu Rwanda cyangwa mu mahanga, umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi y'isosiyeti yahombye, abayobozi b'ibigega byahombye, abayobozi b'amabanki cyangwa ibindi bigo by'imari iciriritse byahombye, abayobozi b'ikigega cyo guteganyiriza izabukuru cyahombye cyangwa ikigo cy'ubucuruzi cyahombye, ntibashobora

Authority shall define in regulations the responsibilities of those Officers.

Each collective investment scheme with a Unit Trust scheme structure shall have an investor's agent or a board of investors' agents composed of qualified individuals to hold scheme assets and oversee its day-to-day operations.

The Capital Market Authority shall define in regulations the manner through which investors' agents are appointed, the requirements to be appointed as investor's agents, code of ethics for the position of investor's agents, their rights as well as the responsibilities of investors of the Unit Trust Scheme with respect to its governance.

Article 28: Prohibited persons in scheme governance and operations

Any person that has been declared bankrupt whether in Rwanda or in a foreign country, a Director of a bankrupt society, scheme Governors, banks Managers or other Micro-finance Managers where those institutions have been declared bankrupt, managers of pension scheme or of any commercial enterprise declared bankrupt cannot promote, advise, operate, manage, control or provide any service with regard of investment, custodial or scheme management.

du Fonds.

L'Office des Marchés de Capitaux définit dans les règlements les attributions de ces personnes.

Chaque Fonds d'investissement collectif structuré de la façon d'un Fonds d'investissement à participation unitaire est doté d'un représentant des investisseurs ou d'un comité de représentants des investisseurs composé de personnes qualifiées pour gérer le patrimoine du Fonds et superviser ses opérations quotidiennes.

L'Office des Marchés de Capitaux définit dans les règlements les modalités de nomination des représentants des investisseurs, les conditions exigées pour être nommé représentant des investisseurs, l'éthique et code de conduite des représentants des investisseurs, leurs droits ainsi que les responsabilités des investisseurs du Fonds d'investissement à participation unitaire en ce qui concerne la gouvernance.

Article 28: Personnes interdites de participer dans la gouvernance et les opérations du Fonds

Toute personne qui a été déclarée en faillite soit au Rwanda ou dans un pays étranger, un Administrateur d'une société en faillite, les gestionnaires des Fonds, les gérants des banques ou d'autres institutions de micro-finances tombés en faillite, gestionnaires d'un Fonds de pension de retraite ou de toute entreprise commerciale tombés en faillite, ne peuvent promouvoir, conseiller, exploiter, gérer, contrôler ou donner tout service relatif à l'investissement, aux dépôts ou à la

Official Gazette n° Special of 15/11/2011

gutangiza, kugira inama, gucunga, kuyobora, kugenzura cyangwa gutanga serivisi zerekeranye n'ishoramari, ububitsi cyangwa ubuyobozi bw'ikigega.

Ibiteganywa mu gika cya mbere (1) cy'iyi ngingo bikurikizwa ku bantu bose bahamwe n'icyaha cyangwa n'ifatanyacyaha mu byaha bikurikira:

- 1° gukora inoti cyangwa ibiceri by'amafaranga by'ibihimbano, guhimba inyandiko zigaragaza umutungo cyangwa inyungu cyangwa gukoresha inyandiko z'ingwate mpimbano kimwe n'ibirango, amakashe, n'ibindi biranga ibicuruzwa;
- 2° kurya ruswa cyangwa kunyereza umutungo wa Leta;
- 3° ubujura, uburiganya, kunyereza umutungo, ubuhemu, forode, cyangwa kubika ibintu byibwe;
- 4° gukoresha impapuro z'ubucuruzi mpimbano no gukoresha impapuro z'ubucuruzi mu buriganya cyangwa kutubahiriza amategeko arebana na sheki zitazigamiwe cyangwa ubundi buryo bwo kwishyura;
- 5° kwibeshyera ko wahombye cyangwa ibindi bikorwa bisa nabyo;
- 6° kubeshya ugamiye kutariha imisoro;
- 7° kubona amafaranga mu buryo bw'iyezandonke;
- 8° ibindi byaha bishingiye ku bukungu;
- 9° ibyaha byakorewe inyoko muntu;
- 10° icyaha cya jenocide;

The provisions of Paragraph One (1) of this Article shall apply to any offender or accomplice convicted of one of the following offences:

- 1° counterfeiting bank notes or coins, falsifying securities certificates, or interest coupons, or using falsified guarantee certificates, as well as seals, stamps, hallmarks or brands;
- 2° corruption or misappropriation of Government assets;
- 3° theft, extortion, embezzlement, breach of trust, fraud, or concealment of stolen goods;
- 4° fraudulent circulation of commercial papers or violation of laws on bounced checks or other means of payment;
- 5° false bankruptcy and similar acts;
- 6° tax evasion;
- 7° money laundering;
- 8° other economic and financial crimes;
- 9° crime against humanity;
- 10° crime of genocide;
- 11° terrorism;
- 12° any other crime punishable by a deprivation of one's liberty

direction d'un Fonds.

Les dispositions de l'alinéa premier du présent article s'appliquent à toute personne reconnue coupable ou complice d'une des infractions suivantes:

- 1° la contrefaçon des billets de banque ou pièces de monnaie, falsification des titres ou coupons d'intérêt, ou utilisation de certificats de garantie falsifiés, ainsi que les sceaux, timbres, poinçons ou marques;
- 2° la corruption ou le détournement des biens de l'État;
- 3° le vol, l'extorsion, l'escroquerie, le détournement, l'abus de confiance, la fraude ou le recel de biens volés;
- 4° la circulation frauduleuse de papiers commerciaux ou la violation des lois sur l'émission de chèque sans provision ou autres moyens de paiement;
- 5° la faillite frauduleuse et actes similaires;
- 6° l'évasion fiscale;
- 7° le blanchiment d'argent;
- 8° autres crimes économiques et financiers;
- 9° crime contre l'humanité;
- 10° crime de génocide;
- 11° le terrorisme;
- 12° toute autre infraction passible d'une peine

11° icyaha cy'iterabwoba;

12° ikindi cyaha cyose cyahanishwa kuvutswa uburenganzira.

Ingingo ya 29: Inshingano z'abagize ubuyobozi bw'ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe

Abagize ubuyobozi bw'ibigega by'ishoramari by'abishyizehamwe bakurikirana ibikorwa byose by'ikigega, imirimo y'abantu bafite uruhare mu bikorwa n'ubuyobozi bwacyo, gahunda y'imirimo, gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari byacyo.

Inshingano n'imirimo by'abayobozi b'ibigega iteganwa n'amabwiriza ashwirwaho n'lkigo cy'Isoko ry'Imari n'Imigabane.

Ingingo ya 30: Itandukanywa ry'imitungo y'ibigega

Umutungo w'ikigega ugomba gucungwa ku buryo utandukanywa n'umutungo w'undi muntu uwo ari we wese, ndetse n'uw'ikindi kigega kiwuyobora cyangwa kiwugenzura, uw' uwashinze ikigega cyangwa uw'abayobozi b'ibigega, uw'umunyamwuga mu ishoramari, cyangwa uw'umubitsi w'umutungo igihe icyo ari cyo cyose.

Ingingo ya 31: Kwita ku ngoboka zishoboka

Abayobozi b'ibigega bagomba kwita ku mikorere iboneye mu gucunga inyandiko z'abanyamigabane ndetse n'izindi ngoboka zerekeye imari; bagomba kandi kwita ku mirimo,

Article 29: Responsibilities of collective investment schemes governors

Governors of collective investment schemes shall oversee all operations of the scheme, the activities of all persons involved in its operation and management, and the scheme's operating plans, strategic plans and budgets.

Responsibilities and functions of schemes governors shall be determined in regulations issued by the Capital Market Authority.

Article 30: Segregation of schemes assets

The scheme assets must be maintained separately from the assets of any other person, including assets owned by management controlling scheme, the scheme's promoter or scheme governors, investment manager or custodian at all times.

Article 31: Risk management

Scheme governors must ensure the smooth running of services to manage the records of investors and other financial risks; they have also to fulfill their duties, function and responsibilities. They must also ensure that the scheme investment manager and custodian have required capacity for fulfilling their responsibilities. Such capacity shall include internal

privative de libertés.

Article 29: Responsabilités des gestionnaires des Fonds d'investissement collectifs

Les gestionnaires des Fonds supervisent toutes les opérations du Fonds, les activités de toutes les personnes impliquées dans son fonctionnement et sa gestion, les plans de fonctionnement du Fonds, ses plans d'action et budgets.

Les responsabilités et les fonctions des gestionnaires des Fonds sont déterminées dans les règlements émis par l'Office des Marchés de Capitaux.

Article 30 : Séparation des patrimoines des Fonds

Le patrimoine du Fonds doit à tout moment être maintenu séparément de celui de toute autre personne, y compris les actifs détenus par un Fonds de gestion ou de surveillance, le promoteur du Fonds ou les gestionnaires du Fonds, le gestionnaire d'investissement ou le dépositaire.

Article 31 : Gestion du risque

Les gestionnaires des Fonds doivent s'assurer du bon fonctionnement de services pour gérer les dossiers des actionnaires et autres risques liés aux finances ; ils doivent aussi veiller à leurs tâches, fonctions et attributions. Ils doivent également veiller à ce que le gestionnaire d'investissement et le

akazi n'inshingano zabo. Bagomba kandi kumenya neza ko umunyamwuga mu ishoramari n'umubitsi w'umutungo w'ikigega bafite ubushobozi bwo kuzuzanya inshingano zabo. Ubwo bushobozi bukubiyemo kugenzura ibikorwa by'ikigega, ikorehwa ry'umutungo, gukurikirana no kubahiriza ibisabwa.

Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora gushyiraho amabwiriza ngenderwaho y'imicungire y'ingoboka.

Ingingo ya 32: Igenzuramari rya buri mwaka na raporo yaryo

Buri kigega kigomba gukorwamo igenzura n'umugenzuramari washyizweho n'ubuyobozi bw'ikigega. Uwo mugenzuramari agomba kuba ntaho abogamiye kandi nta nyungu bwite afite mu kigega.

Umugenzuzi w'imari ntashobora gufatwa nk'aho yigenga ku buryo buhagije mu gihe hari indi mirimo akorera ikigega, cyangwa umwe mu bagize inama y'ubuyobozi bwacyo, umubitsi, isosiyete ishinze gucunga ikigega cyangwa undi washinze icyo kigega, cyangwa afite indi nyungu itaziguye ishingiye ku mafaranga cyangwa ku kintu cyangwa inyungu iziguye y'amafaranga hamwe n'umwe muri abo bantu.

Umugenzuzi w'imari atanga raporo ye y'ubugenzuzi ku Kigo cy'isoko ry'imari n'imigabane buri mwaka hakurikijwe amabwiriza gishyiraho kigendeye ku mahame mpuzamahanga

controls, audit and compliance with the requirements.

The Capital Market Authority may set by regulation standards for risk management.

Article 32: Annual audits and related report

Each scheme must be audited by an auditor appointed by scheme governors. The auditor must be impartial and not have any conflict of interest within the scheme.

An auditor shall not be considered as sufficiently independent if he/she is performing other services for the scheme, or one of the members of the Board of Directors, custodian, the scheme management company or other promoter of the scheme, or if he/she has a direct financial or material interest or indirect financial interest with any of those persons.

The auditor shall submit an audit report to the Capital Market Authority annually in accordance with any regulations it shall issue in reference to the international audit reporting standards.

CHAPTER VI: SCHEME INTERNAL RULES

dépositaire aient la capacité requise pour remplir leurs attributions. Cette capacité comprend des contrôles internes, d'audit et de conformité avec les exigences.

L'Office des Marchés de Capitaux peut établir des normes de gestion du risque.

Article 32: Audit annuel des comptes et rapport y relatif

Les comptes de chaque Fonds doivent être vérifiés par un auditeur engagé par les gestionnaires du Fonds.

L'auditeur doit être impartial et n'avoir pas de conflit d'intérêt au sein du Fonds.

Un auditeur ne peut pas être considéré comme suffisamment indépendant s'il effectue d'autres services pour le compte du Fonds ou d'un Administrateur du Fonds ou du dépositaire du Fonds, de la société de gestion du Fonds d'investissement ou de tout autre promoteur du Fonds, ou s'il a un intérêt financier ou matériel direct ou un intérêt financier indirect avec l'une de ces personnes.

L'auditeur soumet son rapport d'audit à l'Office des Marchés de Capitaux chaque année en se référant aux règlements émis par l'Office en conformité avec les normes internationales d'audit.

agenga raporo z'ubugenzuzi bw'imari.

**UMUTWE WA VI: AMATEGEKO
NGENGAMIKORERE Y' IKIGEGA**

**Ingingo ya 33: Itangazwa ry'amategeko
ngengamikorere y' ikigega**

Uwashinze ikigega atangaza amategeko ngengamikorere akigenga hakurikijwe ibisabwa n'iri tegeko n'amabwiriza yashyizweho n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kandi bigaragariye icyo Kigo ko agamije kurengera inyungu z'abashoramari.

Amategeko ngengamikorere y'ikigega agomba kuba yanditse ku buryo buri mushoramari usanzwe ashobora kuyumva.

Amategeko ngengamikorere y'ikigega agomba kuba aboneka mu ndimi zikoreshwa cyane n'abantu ikigega cyifuza ko bagishoramari imari cyangwa indimi zo mu karere ikigega kirimo cyangwa cyamamazwamo ndetse n'abantu cyifuza.

**Ingingo ya 34: Ivugururwa ry'amategeko
ngengamikorere y'ikigega**

Amategeko ngengamikorere y'ikigega agomba kuba akubiyemo ingingo zigaragaza ko ubuyobozi bw'ikigega bushobora kuvugurura ayo mategeko mu gihe byemejwe n'amatora ku bwiganze bw'abashoramari batora. Izo ngingo zigomba kuba zitanyuranyije n'amabwiriza yashyirwaho

AND REGULATIONS

**Article 33: Publication of scheme's internal rules
and regulations**

The promoter of a scheme shall publish the scheme internal rules and regulations in accordance with the requirements of this Law and regulations issued by the Capital Market Authority. The internal rules shall aim to adequately protect the investors.

The scheme internal rules and regulations must be written in a simpler wording to the average investor.

The scheme internal rules and regulations must be available in the predominant languages of those persons from whom the scheme seeks investment or those of regions in which the scheme is established or advertised and persons solicited.

**Article 34: Amendment of scheme's internal rules
and regulations**

The scheme's internal rules and regulations must include provisions authorizing the scheme governors to amend upon the vote of a majority of the investors with the right to vote. Such provisions must be consistent with any regulations the Capital Market Authority may issue.

Within thirty (30) days from the date of the approval

**CHAPITRE VI: REGLEMENT D'ORDRE
INTERIEUR DU FONDS**

**Article 33 : Publication du règlement d'ordre
intérieur du Fonds**

Le promoteur du Fonds publie le règlement d'ordre intérieur du Fonds conformément aux prescriptions de la présente loi et aux règlements émis par l'Office des Marchés de Capitaux. Le règlement d'ordre intérieur doit assurer une protection adéquate des investisseurs.

Le règlement d'ordre intérieur du Fonds doit être rédigé dans un langage simple pour l'actionnaire moyen.

Le règlement d'ordre intérieur du Fonds doit être disponible dans les langues les plus utilisées par les personnes visées par le Fonds dans la mobilisation des investissements ou dans les langues des régions où le Fonds est basé ou la publicité du Fonds est effectuée et des personnes sont sollicitées.

**Article 34 : Modification du règlement d'ordre
intérieur du Fonds**

Le règlement d'ordre intérieur du Fonds doit comprendre des dispositions autorisant les gestionnaires du Fonds à les amender une fois autorisés par le vote de la majorité de ses investisseurs ayant le droit de vote. Ces dispositions doivent être en conformité avec les règlements que l'Office des Marchés de Capitaux peut émettre.

n'Ikigo cy'isoko ry'imari n' imigabane.

Mu gihe kitarenze iminsi mironko itatu (30) nyuma y'uko ivugurura ry'amategeko ngengamikorere y'ikigega ribaye, kopi y'amategeko ngengamikorere yavuguruwe cyangwa ibyahinduwe ubwabyo ishyikirizwa Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane, umunyamwuga mu ishoramari ry'ikigega n'umubitsi w'umutungo, ikanoherezwa buri mushoramari hakurikijwe uburyo bwumvikanyweho.

Ikigo cy'isoko ry'imari n' imigabane gishobora gutesha agaciro ingingo iyo ariyo yose yo mu mategeko ngengamikorere y'ikigega cyangwa se ivugururwa ryayikozweho mu gihe gisanga ko inyuranyije n'itegeko, itita ku nyungu z'abanyamigabane cyangwa ishobora guhungabanya umutungo w'ikigega.

UMUTWE WA VII: POLITIKI YO GUSHORA UMUTUNGO W'IKIGEGA

Ingingo ya 35: Politiki y'ishoramari

Buri kigega kigomba gushyiraho politiki y'ishoramari yanditse yerekana uko umutungo wacyo uzashorwa mu bikorwa bitandukanye by'ishoramari bigamije gusaranganya ingoboka zishoboka kandi byubahiriza ibitagomba kurengwaho biteganyijwe muri uyu mutwe kandi bikorewe mu nyungu z'abashoramari n'abahagarariye abashoramari.

of the amendment, a copy of the amended internal rules and regulations or of the amendment itself shall be transmitted to the Capital Market Authority, the scheme's investment manager and the custodian, and delivered to each investor in accordance with the agreed modalities.

The Capital Market Authority may nullify any provision of the scheme internal rules and regulations or any amendment thereto if it determines it to be contrary to law, harmful to the interests of investors, or likely to jeopardize the scheme assets.

CHAPTER VII: POLICY ON INVESTMENT OF SCHEME ASSETS

Article 35: Investment policy

Each scheme must establish a written investment policy describing how scheme assets shall be invested in a diversified portfolio of investments for the purpose of spreading risk. Such portfolios must be in conformity with the established standards provided in this chapter and shall be in the best interest of investors and their agents.

No scheme shall amend, or otherwise change or depart

Dans les trente (30) jours à compter de la date de l'approbation de modification, une copie du règlement d'ordre intérieur du Fonds modifié ou de la modification elle-même doit être transmise à l'Office des Marchés de Capitaux, au gestionnaire d'investissement et au dépositaire et transmise à chaque investisseur selon les modalités convenues.

L'Office des Marchés de Capitaux peut annuler toute disposition du règlement d'ordre intérieur du Fonds ou toute modification y apportée s'il constate qu'elle est contraire à la loi, qu'elle est préjudiciable aux intérêts des investisseurs ou est de nature à mettre le patrimoine du Fonds en péril.

CHAPTER VII: POLITIQUE D'INVESTISSEMENT DU PATRIMOINE DU FONDS

Article 35: Politique d'investissement

Chaque Fonds doit mettre en place une politique écrite d'investissement décrivant les modalités suivant lesquelles le patrimoine du Fonds doit être investi dans différentes activités d'investissements à des fins de distribution du risque. Ses activités doivent être en conformité avec les normes établies dans le présent chapitre et être dans le meilleur intérêt des investisseurs ainsi que de leurs représentants.

Nta kigeza gishobora guhindura cyangwa guca ku ruhande politiki yacyo y'ishoramari bitabanje kwemezwa n'amatora y'abashoramari ku bwiganze bw'amajwi yabo cyangwa ibice fatizo biriho.

Politiki y'ishoramari igomba guteganya uburyo bukwiye bwo gucunga umutungo w'ikigeza, hitawe ku miterere yacyo, ndetse n'urugero rw'amafaranga ahagije ikigeza kigomba kugira kugira ngo gishobore kwisubiza imigabane mu gihe ari ikigeza cy'imigabane ihinduka.

Politiki y'ishoramari igomba gukurikiza imirongo ngenderwaho y'ishoramari itangwa mu mabwiriza ashwirwaho n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane.

Ingingo ya 36: Ibyemewe mu gihe cy'ishora ry'umutungo w'ikigeza

Umutungo w'ikigeza cy'ishoramari cy'abishyizehamwe uba ugizwe n'ibicuruzwa byo ku isoko ry'imari n'imigabane bishobora guhererekanywa cyangwa byashyizwe ku rutonde cyangwa byemewe nk'uko iri tegeko ribiteganywa cyangwa bizashyirwa mu mabwiriza.

Ingingo ya 37: Ibitemewe ku ngwate ku gishoro cyangwa ku byungutswe mu ishoramari

Nta kigeza cyemerewe kwizeza abashoramari inyungu runaka ku byo bashoye cyangwa ingwate

from its investment policy, unless authorized by a vote of its investors by a majority of the scheme's outstanding shares or units.

The investment policy must provide for the careful management of the scheme assets, taking into account the nature of the scheme, and in the case of an open-end scheme, the extent to which the scheme must keep sufficient liquidity in order to redeem its shares.

The investment policy must comply with the investment guidelines provided for in the regulations issued by the Capital Market Authority.

Article 36: Permitted acts in the investment of scheme assets

The scheme assets of a collective investment scheme shall consist of transferable listed securities, or those permitted under this Law or those that will be issued in the regulations.

Article 37: Limitations on guarantees the capital or to the return on investment

No scheme shall guarantee a certain rate of beneficence or investment return on investment or guarantee on the principal.

Article 38: Obligation to vote related to shares or

Aucun Fonds ne doit modifier, changer ou déroger à sa politique d'investissement, sauf s'il y est autorisé par un vote de ses investisseurs à la majorité d'actions ou unités d'actions du Fonds en circulation.

La politique d'investissement doit prévoir une gestion prudente du patrimoine du Fonds, en tenant compte de la nature du Fonds, et, dans le cas d'un Fonds à capital ouvert, la mesure dans laquelle le Fonds doit rester avec des liquidités suffisantes pour racheter ses actions.

La politique d'investissement doit se conformer aux directives d'investissement prévues dans les règlements émis par l'Office des Marchés de Capitaux.

Article 36: Actes autorisés dans l'investissement du patrimoine du Fonds

Les biens du Fonds d'investissement collectif est composé de titres cotés transmissibles ou ceux autorisés en vertu de la présente loi ou ceux qui sont indiqués dans les règlements.

Article 37: Limitation sur les garanties au capital ou au bénéfice sur investissement

Aucun Fonds ne peut garantir un certain taux de profit ou de bénéfice sur les investissements, ni de garantie sur le principal.

ku gishoro.

Ingingo ya 38: Inshingano yo gutora imigabane cyangwa ibice fatizo

Ubuyobozi bw'ikigega bugomba kumenyekanisha politiki y'ikigega yo gutora mu byerekeye ishoramari ikigega cyakoze no kubwira abashoramari amajwi bafite.

Ingingo ya 39: Ihabwagaciro ry'imigabane cyangwa ibice fatizo

Mu gihe hashakwa agaciro k'imigabane cyangwa ibice fatizo hagamijwe kugurisha, kugabagabana, kugurura cyangwa kongera kugurisha, uburyo bw'agaciro nyako k'umutungo k'imigabane y'ikigega ni bwo bugomba gukoreshwa. Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane gishobora gushyiraho indi mirongo ngenderwaho ku byerekeye ubundi buryo bwo guha agaciro imigabane butari agaciro nyako k'umutungo bushobora gukoreshwa kibinyujije mu mabwiriza.

UMUTWE WA VIII: GUTANGA NO KWAMAMAZA SERIVISI

Ingingo ya 40: Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane

Inyandiko ihamagarira rubanda kugura imigabane igomba kuba yanditse mu rurimi rw'Icyongereza nk'ururimi rw'ibanze, ishobora guhindurwa mu rundi rurimi urwo ari rwo rwose rwemewe mu Rwanda mu gihe bibaye ngombwa.

units

The scheme governors shall declare its voting policy with regard to investments done by the scheme and disclose votes to investors.

Article 39: Valuation of shares or units

When computing the value of shares or units for the purpose of sale, distribution, redemption or repurchase, the current net asset value of the scheme's shares should be used. The Capital Market Authority may issue, through regulations, guidelines on methods of evaluation that may be used other than net asset value.

CHAPTER VIII: SERVICES OFFER AND ADVERTISING

Article 40: Scheme prospectus

A scheme prospectus must be drawn up in English as the primary language and may be translated into any other language recognized in Rwanda if necessary.

The scheme operator must ensure that the scheme prospectus:

Article 38: Obligation de vote lié aux actions ou unités

Les gestionnaires du Fonds doivent déclarer sa politique de vote en ce qui concerne les investissements faits par le Fonds et annoncer aux actionnaires les voix de vote dont ils disposent.

Article 39: Evaluation des actions ou des unités

Lors du calcul de la valeur des actions ou des unités aux fins de la vente, de la distribution, du rachat ou de revente, il doit être utilisé la valeur nette actuelle du patrimoine du Fonds. L'Office des Marchés de Capitaux peut émettre, par voie de règlements, d'autres instructions sur des méthodes d'évaluation qui peuvent être utilisées autres que la méthode de valeur nette actuelle.

CHAPITRE VIII: OFFRE ET PUBLICITE DES SERVICES

Article 40: Prospectus du Fonds

Le prospectus du Fonds doit être rédigé en Anglais comme langue principale et peut être traduit en toute autre langue reconnue au Rwanda, si nécessaire.

L'opérateur du Fonds doit s'assurer que le

Ucunga ikigega agomba kumenya neza ko inyandiko:

- 1° ari nyakuri, yumvikana kandi itabeshya;
- 2° irimo amakuru akenewe ku muntu uteganya gushora imari atuma afata icyemezo cyo gushora imari asobanukiwe;
- 3° itarimo ingingo ishobora kubangamira inyungu z'abagifitemo uruhare cyangwa icyiciro runaka cyabo;
- 4° itarimo ingingo inyuranya n'ihame iryo ariryo ryose cyangwa itegeko;
- 5° ijyanye n'igihe kandi ko ivugururwa buri gihe hari ikintu kigaragara cyahindutse ku byerekeye ikigega cyangwa hakurikijwe ko raporo y'umwaka n'imiterere y'umutungo zasohotse.

Ingingo ya 41: Ibintu bimenyekanisha ikigega

Ibintu bimenyekanisha ikigega ndetse n'imiterere y'inyandiko yatangajwe n'isosiyete ishinzwe gucunga ikigega cyangwa undi washinze ikigega bigomba kubanza kwemerwa n'Ikigo cy'isoko ry'imari n' imigabane.

Ikigo kigomba kubuza ko hatangazwa inyandiko imenyekanisha ikigega ibeshya cyangwa ituzuye no gutegeka ko bene iyo nyandiko ivanwaho

- 1° is fair, clear and not misleading;
- 2° contains the information needed for a prospective investor to make an informed investment decision;
- 3° does not contain any provision which is prejudicial to the interests of participants or any class of participants;
- 4° does not contain any provision that conflicts with any principle or law;
- 5° is kept up to date and that revisions are made to it whenever a material change is made to the scheme or following the annual report and accounts.

Article 41: Scheme promotional materials

The content and form of promotional materials published by a scheme management company or other promoter must be subject to the prior approval of the Capital Market Authority.

The Authority must prohibit the publication of promotional material that is misleading or incomplete and order that such promotional material, if already published, be withdrawn or supplemented. The

prospectus du Fonds:

- 1° est équitable, clair et correct ;
- 2° contient les informations nécessaires pouvant permettre à un investisseur éventuel de prendre une décision éclairée;
- 3° ne contient aucune disposition qui est préjudiciable aux intérêts des participants ou d'une catégorie de participants;
- 4° ne contient aucune disposition contraire à un quelconque principe ou à une loi;
- 5° est mis à jour et que des révisions y sont apportées chaque fois qu'un changement important est survenu sur le Fonds ou suivant la production du rapport et des comptes annuels.

Article 41: Matériel de promotion du Fonds

Le contenu et la forme du matériel de promotion publiés par une société de gestion du Fonds ou par un autre promoteur doivent être soumis à l'approbation préalable de l'Office des Marchés de Capitaux.

L'Office doit interdire la publication du matériel de promotion qui n'est pas correct ou incomplet et si le matériel de promotion est déjà publié, ordonner

cyangwa yuzuzwa mu gihe yaba yararangiye gutangazwa kandi n'abantu yagizeho ingaruka, ikigega kikabibamenyeshya mu nyandiko mu gihe no mu buryo bwemewe n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane. Ikiguzi cyo kuvanaho cyangwa kuzuza izo nyandiko zivugwa muri iki gika cyishyurwa n'uwashinze ikigega cyangwa ubuyobozi bw'ibigega cyangwa uwatangaje iyo nyandiko mu buryo budakwiye; n'icyishyurwa n'abashoramari.

UMUTWE WA IX: ITANGWA RYA RAPORO N'AMAKURU

Ingingo ya 42: Amakuru ku ishoramari

Buri kigega kigomba gutegura cyangwa kikagira ugitegurira inyandiko y'ishoramari ijyanye n'igihe kandi ikwiye igaragaraza ishoramari ryacyo ikaba ikubiyemo ibukurikira:

- 1° ishoramari ryose ryakozwe n'igihe ryakorewe ndetse n'igiciro cyaryo rigezeho ku isoko;
- 2° ibikorwa byose by'ubucuruzi byakozwe guhera igihe inyandiko igaragaza ishoramari ya nyuma yakoreweho n'ibiciro byaguriweho n'ibyaguriweho;
- 3° mu gihe habaye igurishwa, kugaragaza inyungu cyangwa igihombo cyavuyemo;
- 4° gutanga amakuru n'ibisobanuro by'impinduka yose igaragara yabaye mu

Scheme shall notify it to all affected individuals in writing within the timeframe prescribed and in a manner approved by the Capital Market Authority. The cost of withdrawing or supplementing materials referred to under this paragraph shall be borne by the promoter or the scheme governors or the person who improperly published the promotional material, not by the investors.

CHAPTER IX: REPORTING AND DISCLOSURE OF INFORMATION

Article 42: Statement of investments

Every scheme must prepare, or have prepared on its behalf, an appropriate and update statement of investments, which shall include the following:

- 1° all investments done, the date on which they have been done and the current market price;
- 2° all transactions completed from the date of issuance of the last statement of investments, including purchase and sales prices;
- 3° if there is a sale, the resulting gain or loss;
- 4° disclosure of information and explanation of any of changes in the scheme, its management or policies occurring from the date of issuance of the last statement of

qu'il soit retiré ou complété. Les personnes affectées sont notifiées par écrit par le Fonds dans le délai et de la manière approuvés par l'Office des Marchés de Capitaux. Le coût de retrait ou de complément du matériel visé au présent alinéa est à la charge du promoteur ou des gestionnaires du Fonds ou de la personne qui a mal publié le matériel de promotion, et non des investisseurs.

CHAPITRE IX: RAPPORT ET DIFFUSION D'INFORMATION

Article 42: Etat des investissements

Chaque Fonds doit préparer ou faire préparer en son nom, un état des investissements approprié et mis à jour qui comprend ce qui suit:

- 1° tous les investissements faits, la date à laquelle ils ont été faits et le prix actuel du marché ;
- 2° toutes les transactions réalisées depuis la date de publication du dernier état des investissements y compris les prix d'achat et de vente ;
- 3° s'il y a eu une vente, le gain ou la perte qui en a résulté ;
- 4° diffusion d'information et explication de tout changement intervenu au Fonds, à sa

kigega, mu micungire yacyo cyangwa politiki zacyo guhera igihe inyandiko ya nyuma igaragaza ishoramari yabereyeho;

5° andi makuru yose Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane kibona ko ari ngombwa yagifasha kugenzura ku buryo bukwiye ibigega n'ibikorwa by'ishoramari byabyo. Inyandiko igaragaza ishoramari ishyikirizwa Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane buri mwaka mu buryo no mu gihe byateganyijwe n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane.

Ingingo ya 43: Amakuru ahabwa abashoramari

Abayobozi b'ibigega bagomba kumenya neza ko amakuru nyayo ahabwa abashoramari b'ikigega abamenyesha uburenganzira bwabo, inyungu n'inshingano byabo hakurikijwe amategeko ngengamikorere y'ikigega.

Iyo umushoramari mushya yemerewe kwinjira mu kigega, ahabwa kopi y'inyandiko igaragaza amategeko agenga ikigega mbere y'uko ashoramari imari. Ayo mategeko agomba kuba ahuje n'amabwiriza yatanze n'Ikigo cy'isoko ry'imari n'imigabane mu miterere yayo ndetse no mu bikubiyemo.

Buri mushoramari ahabwa inyandiko ya buri mwaka imwerekana uko konti ye imeze, igaragaza

investments;

5° any other information the Capital Market Authority deems necessary to appropriately supervise schemes and its investment activities. The statement of investments shall be submitted annually to the Capital Market Authority in such form, manner and at such intervals as the Authority shall prescribe.

Article 43: Information for investors

The scheme governors must ensure that adequate and appropriate information is communicated to the investors of the scheme informing them of their rights, benefits and duties in accordance with scheme internal rules and regulations.

Upon his/her admission to a scheme, each new investor shall be provided with a copy of the scheme rules prior to his/her investment in the scheme. The scheme's rule shall comply with the regulations issued by the Capital Market Authority as to its content and form.

Each investor shall be furnished with an annual statement of his/her account, reflecting shares purchase and sale, and the accumulation or loss in value of the shares. Such statement must be issued

gestion ou ses politiques depuis la date de publication du dernier état des investissements;

